IMYANZURO Y'INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU MURIMO YATERANYE KU WA 30 GICURASI 2017

Ku wa 30 Gicurasi 2017, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko mu cyumba cy'Inteko Rusange ya Sena, habereye inama nyunguranabitekerezo ku murimo yahuje inzego zirebwa n'ikibazo cy'umurimo mu Rwanda, hagamijwe gushakira hamwe icyakorwa kugira ngo haboneke imirimo itandukanye kandi myinshi mu Rwanda.

Muri iyo nama, hatanzwe ibiganiro bikurikira:

1. **Isesengura rya gahunda ziriho zigamije guteza imbere umurimo, imbogamizi ndetse n'ingamba bihari;**

2. **Ingamba n'ubufatanye bw'inzego mu gukemura ikibazo cy'ibura ry'umurimo.**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, abitabiriye inama basanze hari intambwe imaze guterwa mu rwego rw'umurimo mu Rwanda ariko basanga hari n'ibikwiye kunozwa no kongerwamo imbaraga.

Ni muri urwo rwego hafashwe imyanzuro ikurikira hemezwa ko ishyikirizwa Guverinoma:

1. Gufata ingamba zituma Urwego rw'Abikorera rugira imbaraga zituma rushobora guhanga imirimo iteganyijwe buri mwaka hashishikarizwa abantu gukora mu buryo bwemewe n'amategeko.
2. Kunoza imikorere n'umusaruro by'udukiriro no kumenyekanisha ibikorwa byatwo, kugira ngo turusheho kuba isoko y'umurimo, by'umwihariko ku rubyiruko.
3. Kurushaho kumenyekanisha serivisi za BDF no gukuraho imbogamizi zituma abagenerwabikorwa bayo batabona ubufasha bukwiye bwo guhanga umurimo.
4. Gushyira imbaraga mu gutoza Abanyarwanda umuco wo kwizigamira ku buryo byabafasha kubona imari icyiritse baheraho bihangira umurimo.
5. Gushyiraho uburyo buhuza abanyenganda, amahoteli n'abahinzi-borozi, hagamijwe gukoresha ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi bw'u Rwanda, bikongera imirimo ku Banyarwanda benshi, baba abo mu buhinzi ndetse n'abakora mu Nganda n'Amahoteli.
6. Kuvugurura Politiki y'Ubuhinzi kugira ngo bunozwe kandi bube umwuga uteza imbere abawukora.
7. Guhindura uburyo bw'imyigishirize mu mashuri abanza, ayisumbuye, amakuru na Kaminuza, ku buryo umunyeshuri urangije aba afite ubumenyi bwo kwihangira umurimo.
8. Guhuza ingamba zo guteza imbere udukiriro n'imyuga, ku buryo abarangije mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro bashishikarizwa kwitabira udukiriro no gukorera mu makoperative kandi bakoroherezwa kugera kuri serivisi z'imari.
9. Gushishikariza IPRCs gupiganira amasoko ku bijyanye n'umusaruro w'ibyo zikora.

10. Gukomeza ubushakashatsi harebwa impamvu bimwe mu bice by'ubukungu bitagaragaramo umubare w'imirimo yahanzwe nko mu bijyanye no gukwirakwiza amazi, isuku n'isukura, imyubakire n'ibindi.
11. Gushyiraho ingamba zo gukangurira abaturage gukora amasaha akwiye no guharanira kunoza umurimo.
12. Gushyiraho uburyo bw'imikoranire hagati y'amashuri n'abikorera kugira ngo imyigishirize irusheho gushingira ku bumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo.